# 344: Muze mwese, muz' aho ndi

1. Muze mwese, muz' aho ndi, Abananiwe! Yesu ni kw 'ahamagara . Abo mw isi.

2. Si wow' umushak' ahubwo Ni W' ugushaka ! Wi kwirirwa witunganya i Uz' uk' uri.

3. Dor' ahagaze ku rugi Arakomanga. Ahamaz' iminsi myinshi : Mwinjiz' ubu !

4. Ngwin' ureb' iby' Umukiza Agukorera ; Aribugukiz' indwara Z'umutima.

5. Ntutsinzwe se n'urubanza Rw'ibyaha byawe? Rek' akubabarir' ibyo Byaha byose!

6. Yesu kw ar' umunyebambe.Umwangiy' iki ? Ko byatuma yigirayo, Ababaye ?

7. Amaganya yawe yoseN'imibabaro, None byos' abiguture, Uruhuke !

Visit us at indirimbo.com